**REPUBURIKA Y'U RWANDA**

**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

# RAPORO IHINNYE Y'AMATORA YA KOMITE Y'ABUNZI YABAYE MURI NYAKANGA 2015

***Kigali, le 18/08/2015***

P.O.Box: 6449 Kigali Tel: +250-252-597800/597802 E-mail: info@nec.gov.rw Website: www.nec.gov.rw

## 1. INTANGIRIRO

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, mu ngingo yaryo ya 180, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ifite inshingano yo gutegura no kuyobora amatora y'Abayobozi b'inzego z'ibanze, ay'abagize Inteko Ishinga Amategeko, aya Perezida wa Repubulika, aya Referendumu n'andi matora itegeko ryayigenera. Ni muri urwo rwego Komisiyo y'Igihugu y'Amatora itegura igakoresha kandi ikayobora amatora ya Komite y'Abunzi, hashingiwe ku Itegeko Ngenga N° 02/2010 ryo ku wa 09/06/2010 rigena imiterere, ifasi, ububasha n'imikorere bya Komite y'Abunzi.

Kubera ko manda y'imyaka itanu ya Komite y'Abunzi bari baratowe muri 2010 yarangiye muri Kamena 2015, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye kandi iyobora amatora ya Komite y'Abunzi, muri Nyakanga 2015.

Amatora ya Komite y'Abunzi yabaye mu byiciro bitatu bikurikira:

1) ***Amatora y'abakandida*** *bagombaga kuvamo Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari n'Imirenge yabereye ku Midugudu*, nyuma y'igikorwa cy'umuganda rusange ku itariki ya 25/07/2015;
2) ***Amatora ya Komite y'Abunzi ku rwego rw'Utugari*** yabereye ku rwego rwa buri Kagari ku itariki 29/07/2015;
3) ***Amatora ya Komite y'Abunzi ku rwego rw'Imirenge*** *y*abareye ku rwego rwa buri Murenge ku itariki ya 31/07/2015.

## 2. IMYITEGURO Y'AMATORA

### 2.1. Ibikorwa by'ingenzi byakozwe mu myiteguro y'amatora

Kugira ngo amatora agende neza, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yashyize ingufu mu bikorwa by'ingenzi bikurikira:

1) Gutegura no kwemeza gahunda y'amatora;
2) Gushaka ingengo y'imari;
3) Gukorana inama n'Ubuyobozi bw'inzego z'ibanze mu Ntara n'Umujyi wa Kigali hagamijwe kubakangurira ayo matora no kubasaba ubufatanye mu kuyakangurira abaturage;
4) Gukurikirana iyemezwa ry'Itegeko rigenga imikorere ya komite y'Abunzi;
5) Gutanga inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora binyuze mu itangazamakuru;
6) Gutegura Amabwiriza agenga Amatora y'Abunzi;
7) Guhugura abakozi bagombaga kuyobora amatora;
8) Gushishikariza abaturage ibikorwa by'amatora y'Abunzi.

## 3. UKO AMATORA YAGENZE

Muri rusange ibikorwa by'amatora y'Abunzi byari biteganyijwe byarakozwe kandi bikorerwa ku gihe. Ibi byatumye amatora agenda neza, abaturage barayitabira ku buryo bushimishije kandi batora neza mu mucyo no mu bwisanzure bisanzwe biranga amatora mu Rwanda.

## 4. IBYAVUYE MU MATORA

Ibyavuye mu matora ya Komite y'Abunzi ku nzego z'Imidugudu, Utugari n'Imirenge bikubiye mu mbonerahamwe zikurikira.

### 4.1. Amatora y'Abunzi ku rwego rw'Imidugudu

Ku rwego rw'Imidugudu abagombaga gutora abakandida b'Abunzi kw'itariki ya 25 Nyakanga 2015, bari 5,959,124 (Imbonerahamwe 1). Abatoye ku Midugudu bangana na 5,020,895; ni ukuvuga ko ubwitabire ku rwego rw'Imidugudu bwabaye 84,3%.

Ku rwego rw'Imidugudu hatowe abakandida b'Abunzi 55,105, barimo nibura 30% b'abakandida b'abagore.

***Imbonerahamwe 1**: Ibyavuye mu matora y'Abakandida b'Abunzi mu Midugudu*

| MU NTARA N'UMUJYI WA KIGALI | UBWITABIRE | | | ABAKANDIDA BATOWE |
|---|---|---|---|---|
| | ABAGOMBAGA GUTORA | ABATOYE | | |
| | | Bose | Ijanisha | |
| AMAJYARUGURU | 1,011,848 | 798,071 | 78.9 | 10,096 |
| IBURASIRAZUBA | 1,459,092 | 1,285,260 | 88.1 | 12,640 |
| UMUJYI WA KIGALI | 669,664 | 601,633 | 89.8 | 4,536 |
| IBURENGERAZUBA | 1,404,003 | 1,114,069 | 79.0 | 13,817 |
| AMAJYEPFO | 1,414,517 | 1,221,862 | 86.4 | 14,016 |
| **IGITERANYO** | **5,959,124** | **5,020,895** | **84.3** | **55,105** |

### 4.2. Amatora ya Komite y'Abunzi ku rwego rw'Utugari

Ku rwego rw'Utugari habaye amatora ya Komite y'Abunzi ku itariki ya 29 Nyakanga 2015. Ubwitabire bw'Inteko zitora bwabaye 86.3% muri rusange. Hatowe Abunzi 15,036 barimo 41.0% b'abagore (Imbonerahamwe 2).

***Imbonerahamwe 2**: Ibyavuye mu matora y'Abunzi ku Tugari*

| INTARA N'UMUJYI WA KIGALI | UBWITABIRE | | | ABUNZI BATOWE | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | ABAGOMBAGA GUTORA | ABATOYE | | Bose | Gabo | | Gore | |
| | | Bose | % | | Bose | % | Bose | % |
| AMAJYARUGURU | 6,570 | 5,622 | 85.6 | 2,898 | 1,676 | 57.8 | 1,222 | 42.2 |
| IBURASIRAZUBA | 8,806 | 7,876 | 89.4 | 3,521 | 1,952 | 55.4 | 1,569 | 44.6 |
| UMUJYI WA KIGALI | 2,535 | 2,143 | 84.5 | 1,127 | 6,34 | 56.3 | 493 | 43.7 |
| IBURENGERAZUBA | 8,627 | 7,317 | 84.8 | 3,766 | 2,500 | | 1,266 | 33.6 |
| AMAJYEPFO | 8,141 | 6,978 | 85.7 | 3,724 | 2,113 | 56.7 | 1,611 | 43.3 |
| **IGITERANYO** | **34,679** | **29,936** | **86.3** | **15,036** | **8,875** | **59.0** | **6,161** | **41.0** |

### 4.3. Amatora ya Komite y'Abunzi ku Mirenge

Amatora y'Abunzi ku rwego rw'Imirenge yabaye ku itariki ya 31 Nyakanga 2015. Ubwitabire bw'Inteko zitora bwageze kuri 82.8 % muri ruzange, buba buke kurusha ahandi mu Mujyi wa Kigali (75.3%). Ku rwego rw'Imirenge hatowe Abunzi 2,912 barimo 43.9% b'abagore (Imbonerahamwe 3).

**<u>Imbonerahamwe 3</u>: Ibyavuye mu matora ku rwego rw'Imirenge**

| INTARA N'UMUJYI WA KIGALI | UBWITABIRE | | | ABUNZI BATOWE | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | ABAGOMBAGA GUTORA | ABATOYE | | Bose | Gabo | | Gore | |
| | | Bose | % | | Bose | % | Bose | % |
| AMAJYARUGURU | 1,876 | 1,560 | 83.2 | 622 | 345 | 55.5 | 277 | 44.5 |
| IBURASIRAZUBA | 2,111 | 1,804 | 85.5 | 665 | 367 | 55.2 | 298 | 44.8 |
| UMUJYI WA KIGALI | 724 | 545 | 75.3 | 245 | 140 | 57.1 | 105 | 42.9 |
| IBURENGERAZUBA | 2,073 | 1,696 | 81.8 | 672 | 369 | 54.9 | 303 | 45.1 |
| AMAJYEPFO | 2,293 | 1,915 | 83.5 | 708 | 413 | 58.3 | 295 | 41.7 |
| **IGITERANYO** | **9,077** | **7,520** | **82.8** | **2,912** | **1,634** | 56.1 | **1,278** | 43.9 |

## 5. IBYAGENZE NEZA MU MATORA Y'ABUNZI

### 5.1. Mu gihe cy'imyiteguro y'amatora

Mu matora ya Komite y'Abunzi hashimwa ibi bikurikira:

- ❖ Hakozwe inama zitandukanye n'Abafatanyabikorwa ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora zafashije kunoza imikoranire muri ayo matora;
- ❖ Habayeho ubufatanye bugaragara mu gutegura amatora ya Komite y'Abunzi hagati ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora na Minisiteri y'Ubutabera;
- ❖ Ubuyobozi bw'Inzego z'ibanze bwagize uruhare runini mu kumenyekanisha amatora y'Abunzi bituma yitabirwa cyane;
- ❖ Abakorerabushake b'amatora bahuguwe bihagije ku Itegeko no ku Mabwiriza bigenga amatora y'Abunzi, n'ubwo igihe cyari gitoya.

### 5.2. Mu gihe cy'amatora nyirizina

- ❖ Ahatorewe hose hari hateguye neza, haba mu byumba by'inama by'Utugari cyangwa by'Imirenge;
- ❖ Impapuro zo gutoreraho zari ziteguwe neza kandi zihagerera ku gihe;
- ❖ Abagize Inteko zitora ku Tugari no ku Mirenge bari basobanukiwe neza uko amatora yari bukorwe;
- ❖ Abagore bitabiriye amatora ya Komite y'Abunzi ari benshi mu gutanga kandidatire zo kuba Abunzi;
- ❖ Habonetse abakandida benshi mu matora, bigaragaza urwego Abanyarwanda bagezeho mu bushake bwo kugira uruhare mu miyoborere y'Igihugu;
- ❖ Abenshi mu bakandida babonetse bari basanzwe ari Abunzi, babifitiye ubunararibonye;
- ❖ Abaturage bitabiriye amatora ku rwego rurenze 83%, kandi bitwara neza mu bikorwa byose by'amatora;

### 5.3. Nyuma y'amatora

- Abakandida batowe kimwe n'abataratowe muri Komite y'Abunzi bakiriye neza ibyavuye mu matora;
- Muri Komite z'Abunzi hatowemo Abanyarwanda bafite ubushobozi buhagije ukurikije amashuri abatowe bize;
- Abagize Komite z'Abunzi barahijwe vuba nyuma yo gutorwa, bituma batangira imirimo yabo bidatinze.

## 6. IBITARAGENZE NEZA MU MATORA YA KOMITE Y'ABUNZI

Mu matora ya Komite y'Abunzi ibitaragenze neza ni ibi bikurikira:

- Bamwe mu bagize Inteko itora ku Tugari n'Imirenge bakerererwe kugera aho amatora abera;
- Abatowe muri Komite y'Abunzi mu Mirenge igize Akarere ka Nyarugenge bagiye kurahirira hamwe ku Rukiko rw'Ibanze i Nyamirambo, birabavuna kandi biratinda;
- Amakuru ku Mwunzi watowe ku rwego rw'Akagari ka Gasinga atari inyangamugayo yatanzwe atinze umwunzi asimburwa yaraye atowe mu Karere ka Nyagatare, mu Murenge wa Rwempasha.
- Abakorerabushake b'amatora ku Tugari n'Imidugudu bayoboye amatora nt'agahimbazamusyi (karimo urugendo, ifunguro n'itumanaho) bahawe.

## 7. UMUSOZO

Muri rusange amatora ya Komite y'Abunzi yagenze neza, cyane cyane kubera ubufatanye Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yagiranye n'Inzego zitandukanye harimo Minisiteri y'Ubutabera, Inzego z'ibanze n'iz'umutekano. Biragaragara ko imikoranire n'abafatanyabikorwa ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ikwiye gukomeza gushyirwamo imbaraga kugira ngo amatora menshi ari imbere nayo azagende neza.

**Bikorewe i Kigali, ku wa 18/08/2015**

**Prof. KALISA MBANDA**
**Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora**